No102 Ukuboza2014

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## Ijambo ry'ibanze

**Ikiganiro na Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga yagiranya n'abagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki kuri "Politiki na gahunda z'Igihugu zo guteza imbere urubyiruko", Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga, yerekanye amahirwe menshi urubyiruko rufite mu Gihugu haba mu buhinzi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, amahoteli n'ubukerarugendo ndetse n'ikoranabuhanga. Minisitiri yagarutseho ku myumvire y'urubyiruko ndetse n'iy'umunyarwanda muri rusange ku gaciro kagomba guhabwa imirimo y'ubumenyingiro n'imyuga. Yavuze kandi ko urwego rw'abikorerara bataragira uruhare rugaragara mu gutoza abimenyereza imyuga no gushyiraho ibigo biyigisha kandi ko Amabanki ubwayo ntaraha agaciro igihangano bwite nk'ingwate yo gutanga inguzanyo.**

***Ubwanditsi***

## URETSE URUBYIRUKO ABIKORERA N'IBIGO BY'IMARI BAGOMBA GUHINDURA IMYUMVIRE

*Urwego rw'abikorerara ntibaragira uruhare rugaragara mu gutoza abimenyereza imyuga no gushyiraho ibigo biyigisha. Amabanki kandi ntaraha agaciro igihangano bwite nk'ingwate yo gutanga inguzanyo. Ibi n'ibyagarutsweho kuwa kabiri, tariki ya 16 Ukuboza 2014, ubwo inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranaga, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. BYABARUMWANZI Francois.*



Abagize Inama Rusange

*Muri iyo nama* ku murongo w'ibyizwe hari Ikiganiro na Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga kuri "Politiki na gahunda z'Igihugu zo guteza imbere urubyiruko"; no Kwemeza Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro.



Minisitiri wa MYICT

Mu kiganiro cye kuri "Politiki na gahunda z'Igihugu zo guteza imbere urubyiruko ", Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga, yerekanye amahirwe menshi urubyiruko rufite mu Gihugu haba mu buhinzi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, amahoteli n'ubukerarugendo ndetse n'ikoranabuhanga.

Ikibazo Minisitiri yagarutseho ni imyumvire y'urubyiruko ndetse n'iy'umunyarwanda muri rusange ku gaciro kagomba guhabwa imirimo y'ubumenyingiro n'imyuga.

Mu kungurana ibitekerezo, Inama yasanze hakwiye kugaragazwa urutonde rw'imishinga /database rwerekana amahirwe ari mu Rwanda no mu Karere ka hafi nka EAC na CEPGL; urubyiruko rw'u Rwanda rukarushaho gutinyuka guhigana ku masoko n'imirimo yo mu Karere, cyane ko u Rwanda rwasinye amasezerano ya ngombwa atuma umunyarwanda yajya akanakorera aho ashaka mu bihugu byo mu Karere



Abagize Inama Rusange

Inama Rusange yashimye ubutumire bwa Nyakubahwa Minisitiri bwo kuzasura ibikorwa by'Urubyiruko rwakirwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa.

## ICYICIRO CYA X CY'URUBYIRUKO RWIGISHWA IBYA POLITIKI N'UBUYOZI CYASOJWE

*Kuwa kane tariki ya 04/12/2014 mu Mujyi wa Kigali no ku cyumweru tariki ya 07/12/2014 mu Ntara y'Amajyepfo hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 10 cy'amahugurwa atangwa mu ishuri ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth Political Leadership Academy) ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.*

Bwana Anicet KAYIGEMA, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yashimye urubyiruko rurangije muri aya amahugurwa abasaba kuba umusemburo w'iterambere ry'Imitwe ya politiki yabatoranije, anabibutsa ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzabafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo haba mu itegurwa ry'inyandiko zisabwa Imitwe ya Politiki, haba mu gutanga amahugurwa agenewe abayoboke bayo, ndetse haba no mu bundi buzima bwa buri munsi bw'Umutwe wa Politiki kuko ubuhanga bagaragaje bwabera umusingi washingirwaho mu guteza imbere Imitwe ya politiki yabohereje.

## UMURYANGO W'UBUMWE BW'UBURAYI WASUYE IHURIRO

*Kuwa gatatu tariki ya 17/12/2014, umuyobozi wa deregasiyo y'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi mu Rwanda (Head of Delegation of the European Union to Rwanda) Ambasaderi Michael RYAN ari kumwe n'ushinzwe ibya politiki muri iyo deregasiyo mu Rwanda (Political Attaché) Ida HOCKERFELT basuye Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki aho rikorera ku Kacyiru.*

Mu kiganiro bagiranye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana KAYIGEMA Anicet yababwiye ko Ihuriro ari urwego rwigenga mu micungire y'abakozi n'umutungo kandi rufite ubwisanzure mu bitekerezo no mu gufata ibyemezo mu buryo butanyuranije n'amategeko nk'uko biteganywa n'ingingo ya 49 y'Itegeko Ngenga N° 10/2013/0L ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki.



*Ambasaderi Michael RYAN, Political Attaché Ida HOCKERFELT na Bwana Kayigema Anicet*

Yababwiye kandi ko Ihuriro rishyirwaho n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, nk'uko bivugwa mu ngingo yaryo ya 56; rikaba urubuga Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yabisabye kandi ikabyemererwa ihuriramo igamije kungurana ibitekerezo kuri politiki y'Igihugu yagira uruhare mu kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Bwana KAYIGEMA Anicet yagarutse ku Nshingano nyamukuru z'Ihuriro aho yagaragaje ko Ihuriro ari urubuga abarigize bunguranamo ibitekerezo bya politiki byakwifashishwa mu miyoborere y'lgihugu; Mu gihe babisabye, Ihuriro rikaba ryaba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'lmitwe ya Politiki mbere y'uko bishyikirizwa inkiko; cyangwa umuhuza mu bibazo byavuka mu Mutwe wa Politiki.

Ihuriro kandi rikaba ari urwego rwo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki haba amahugurwa agenewe abayoboke b'iyo Mitwe ya politiki yaba kandi n'ibikoresho byabafasha mu gukora imirimo yabo ya buri munsi.

Muri gahunda z'amahugurwa; yagarutse ku mahugurwa yagenerwaga abayobozi bakuru mu Mitwe ya politiki uyu Muryango w'Ibihugu by'Iburayi wateragamo inkunga Ihuriro; nyuma iyi gahunda ikaba yarakomeje ariko iba gahunda ihoraho y'ishuri rigenewe guhugura Urubyiruko ruturuka mu Mirwe ya politiki mu bya politiki n'ubuyobozi/YPLA

Ambasaderi Michael Ryan yashimye imikorere y'Ihuriro aryizeza ubufatanye no kuzareba muri gahunda bagaragarijwe iyo bakorana n'Ihuriro nyuma yo kuganira n'itsinda ry'uyu muryango rikorera mu Rwanda.

### ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

### ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y' IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kabiri, tariki ya 16 Ukuboza 2014, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. BYABARUMWANZI Francois.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

(1) Kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 21 Kanama 2014

*(2)* Ikiganiro na Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga kuri *"Politiki na gahunda z'Igihugu zoguteza imbere urubyiruko";*

(3) Kwemeza *Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro*.

Inama Rusange yatangiye yemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 21/08/2014, imaze kuyikorera ubugororangingo.

Ku byerekeye ikiganiro kuri "*Politiki na gahunda z'Igihugu zo guteza imbere urubyiruko* ", Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga, yerekanye amahirwe menshi urubyiruko rufite mu Gihugu haba mu buhinzi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, amahoteli n'ubukerarugendo ndetse n'ikoranabuhanga. Ikibazo Minisitiri yagarutseho ni imyumvire y'urubyiruko ndetse n'iy'umunyarwanda muri rusange ku gaciro kagomba guhabwa imirimo y'ubumenyingiro n'imyuga. Ikindi ni uko urwego rw'abikorerara bataragira uruhare rugaragara mu gutoza abimenyereza imyuga no gushyiraho ibigo biyigisha. Amabanki ubwayo ntaraha agaciro igihangano bwite nk'ingwate yo gutanga inguzanyo.

Mu kungurana ibitekerezo, Inama yasanze hakwiye kugaragazwa urutonde rw'imishinga / database rwerekana amahirwe ari mu Rwanda no mu Karere ka hafi nka EAC na CEPGL; urubyiruko rw'u Rwanda rukarushaho gutinyuka guhigana ku masoko n'imirimo yo mu Karere, cyane ko u Rwanda rwasinye amasezerano ya ngombwa atuma umunyarwanda yajya akanakorera aho ashaka mu bihugu byo mu Karere.

Inama Rusange yashimye ubutumire bwa Nyakubahwa Minisitiri bwo kuzasura ibikorwa by'Urubyiruko rwakirwa mu Kigo Ngororamuco cya *Iwawa.*

Ku ngingo yo kwemeza Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro, Inama Rusange yatanze ubugororangingo bwa ngombwa, igitabo kikazemezwa mu nama y'ubutaha.

Inama yatangiye saa tatu (9h00') irangira saa sita (12h00).

Bikorewe i Kigali, kuwa 16 Ukuboza 2014.

**KAYIGEMA Anicet**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**